# ABADAHIGWA BADAHUSHA INTEGO














## IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO

***IKINYAMAKURU CY'AKARERE KA RULINDO GISOHOKA BURI KWEZI KIBANDA KU MAKURU ATANDUKANYE Y'IBYAKOZWE MU MIYOBORERE MYIZA, UBUKUNGU N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE***

*1357* *@rulindodistrict* *info@rulindo.gov.rw*

# INKURU Z'INGENZI Z'IBYAKOZWE MU KWEZI KWA 12/ 2025

## UKUBOZA, 2025

**RULINDO: UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE URUBYIRUKO KUGIRA INTEGO NO GUKUNDA UMURIMO.**



**RULINDO: A STRATEGIC GATEWAY TO SUSTAINABLE INVESTMENT AND ECONOMIC GROWTH.**




**RULINDO: ABAKOZI B'AKARERE N'ABAHAGARARIYE IBIGO BYA LETA BAHAWE IKIGANIRO KURI "NDI UMUNYARWANDA"**



**RULINDO: UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE ABA DASSO BASHYA 79.**



**RULINDO: SENATERI HON. NKUBANA ALPHONSE HAMWE N'UMUYOBOZI W'AKARERE BASABYE ABATURAGE KWITA KU ISUKU .**



**RULINDO: ABAKEKWAHO GUKUBITA NO GUKOMERETSA BABURANISHIRIJWE MU RUHAME.**



**UMUYOBOZI W'AKARERE ARASABA URUBYIRUKO KUGIRA INTEGO NO GUKUNDA UMURIMO.**



***MUKANYIRIGIRA Judith Umuyobozi w'Akarere***

Mu nama y'inteko rusange y'Urubyiruko yateranye kuri uyu wa 10 ukuboza 2025
Umuyobozi w'Akarere yibukije urubyiruko arirwo mbaraga z'igihugu z'ejo hazaza bityo ko rukwiye kubaho rufite intego.

Atangiza iyi nama Umuyobozi w'Akarere yagaragaje ko iyi nama ari umwanya wo kwisuzuma harebwa uko imihigo y'umwaka ushize y'urubyiruko yashyizwe mu bikorwa ndetse n'imbogamizi zabayeho mu kuyesa.
Umuhuzabikorwa w'inama y'igihugu y'urubyiruko Mutimukeye Marie Rose yagaragaije abitabiriye inama ko nyuma yo kudashyira mu bikorwa imihigo y'urubyiruko uko bikwiye hafashwe ingamba zitandukanye bizeye ko zizatanga umusaruro mu mihigo y'uyu mwaka.



***MUTIMUKEYE M.Rose umuhuzabikorwa w'inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu karere***

Umuhuzabikorwa w'inama y'igihugu y'urubyiruko yasabye urubyiruko gufatanya mu bikorwa byose bigamije iterambere ry'urubyiruko n'Akarere muri rusange birinda ikintu cyose cyabangiriza ubuzima. Muri iyi nama Urubyiruko rwasabwe kugira uruhare rukomeye mu kubungabunga umutekano w'igihugu harimo gutanga amakuru ku gihe no kwirinda ibiyobyabwenge, bikigaragara nk'imbogamizi ku iterambere ry'urubyiruko.

Muri iyi nama urubyiruko rwagaragarijwe amahirwe ari mu karere yarufasha kwiteza imbere ndetse rushishikarizwa kugana ikigega BDF gifasha urubyiruko kubona inguzanyo.

Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith asoza iyi nama yasabye urubyiruko kugira Uruhare mu kutagaragara m bikorwa bigayitse kuko byangiza ndetse bikanadindiza iterambere ryabo u n'iry'igihugu muri rusange.abasaba kubaho bafite intego, kubahiriza indangagaciro z'imyitwarire myiza (discipline) ndetse no gukunda umurimo.



***Umuyobozi wa polisi mu karere SP Jean Claude GAKWANDI aganira n'urubyiruko rwitabiriye Inama y'Inteko rusange***

Iyi nteko rusange yahuye n'umunsi wo gusoza ubukangurambaga bw'iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohoterwa no gukumira ruswa, aho yasojwe n'umuhango w'Isinyanamihigo hagati y'Umuyobozi w'Akarere n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere.



***Umuhuzabikorwa w'inama y'Igihugu y'Urubyiruko asinyana imihigo n'Umuyobozi w'Akarere.***

## AKARERE KA RULINDO GAFATANYIJE NA WORLD VISION BATANZE IBIKORESHO BY'ISUKU KU BANA BAFITE UBUMUGA.



*MUTAGANDA Theophile Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage hamwe n'umuhuzabikorwa w'inama y'Igihugu y'abafite ubumuga NKUSI Callixte bashyikirije ibikoresho by'isuku abana bafite ubumuga.*

Ibi bikoresho byatanzwe ku bufatanye bw'Akarere ka Rulindo na World Vision/Rulindo, mu rwego rwo guteza imbere imibereho myiza y'abana bafite ubumuga no kubafasha kubungabunga isuku n'ubuzima bwabo bwa buri munsi.

Mbere yo gutanga ibi bikoresho, Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage MUTAGANDA Theophile yagiranye ikiganiro n'ababyeyi b'abo bana, abasaba kwita ku isuku no kubavuza ku gihe, hagamijwe gukumira ko ubumuga bafite bwakomeza kwiyongera cyangwa kubagiraho ingaruka zirushijeho.


MUTAGANDA Theophile Yongeye kwibutsa ababyeyi ko ubufatanye bwabo n'inzego z'ubuyobozi n'abafatanyabikorwa ari ingenzi mu kurengera uburenganzira bw'abana bafite ubumuga no kubaha amahirwe angana n'ay'abandi bana.

Ababyeyi bahawe ibi bikoresho bashimiye ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo na World Vision ku nkunga bahawe, bagaragaza ko izabafasha kurushaho kwita ku bana babo no kubaha ubuzima bwiza.

Iki gikorwa kiri mu murongo wa gahunda z'Akarere zigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage by'umwihariko abafite ubumuga harimo n'abana.
Bimwe mu bikoresho byatanzwe birimo amasabune ndetse n'ibikoresho byifashishwa mu bwiherero.

.

## RULINDO DISTRICT A STRATEGIC GATEWAY TO SUSTAINABLE INVESTMENT AND ECONOMIC GROWTH




Rulindo District stands out as a destination of choice for investors seeking sustainable growth and long-term impact. With a dynamic, business-friendly environment, the District offers a solid foundation for enterprises that aim to grow while contributing to local development. Strategically located and well connected through reliable road networks, District provides easy access to major markets and neighboring regions. This advantageous position reduces transport costs, facilitates trade, within the District.

The District presents diverse and attractive investment opportunities across key sectors, including agro-processing, modern markets, hospitality, transport services, mining, and modern infrastructure.
Rulindo's abundant agricultural production creates strong potential for value addition through processing industries, while transit routes support investments in markets, hotels, coffeeshop service stations, and logistics facilities. Rulindo District is also capable with a young, skilled, and motivated workforce ready to support business expansion and innovation. Strong public–private partnership frameworks ensure collaboration between investors and local authorities, creating a supportive ecosystem for enterprise development.

The local administration is committed to promoting a transparent, efficient, and secure business environment. Investors benefit from clear procedures, facilitation services, and dedicated support throughout the investment process, ensuring confidence and ease of doing business.

By investing in Rulindo District, partners do more than grow their businesses they contribute to job creation, value addition, and improved livelihoods for local communities. Rulindo District invites investors to be part of its journey toward sustainable economic growth and inclusive development.

## RULINDO ABAFITE UBUMUGA BAHAWE IBIKORESHO BIBOROHEREZA MU BUZIMA BWABO BWA BURI MUNSI



***Abayobozi bashyikirije abafite ubumuga inyunganira ngingo.***

Tariki ya 3 ukuboza 2025 mu Karere ka Rulindo hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Abafite Ubumuga,ku nsanganyamatsiko igira iti: “Dushyigikire Umuryango Udaheza Abantu bafite Ubumuga, Duteze Imbere Imibereho Myiza”
ku rwego rw'Akarere wizihirijwe mu murenge wa Bushoki mu gihe ibirori byo kwizihiza uyu munsi byabanjirijwe no gusura Ikigo cy’Ishuri cya Rukingu giherereye mu Murenge wa Rusiga, gifite umwihariko wo kwita ku bana bafite ubumuga binyuze muri gahunda y’Uburezi Budaheza. umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith arikumwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage MUTAGANDA Theophile n'Umuyobozi wa Polisi mu Karere n'abandi bayobozi bashimye intambwe iki kigo kigezeho mu gufasha abana bafite ubumuga kubona uburezi bufite ireme.

kwizihiza uyu munsi mpuzamahanga w'Abafite ubumuga mu karere ka Rulindo wabaye , umwanya wo gutanga ibikoresho bitandukanye birimo insimbura ngingo n’inyunganira ngingo ndetse n’amatungo magufi azabafasha  kwiteza imbere.



***Abafite ubumuga bashyikirijwe ibikoresho bitandukanye biborohereza mu mibereho myiza yabo n’amatungo magufi yo kubafasha kwiteza imbere.***

Mu ijambo rye, Umuyobozi w’Akarere MUKANYIRIGIRA Judith yasabye abafite ubumuga kwigirira icyizere, bakumva ko bafite ubushobozi bwo kugera ku ntego zabo, nk’abandi bose. Yabibukije ko Leta y’u Rwanda ibafata nk’ingenzi mu iterambere ry’igihugu, abasaba gukomeza kugira uruhare mu kugera ku Cyerekezo cy’Igihugu 2050.
Ati:"Ubumuga si intege nke. Mufite ubushobozi, mufite impano, kandi mugomba kwigirira icyizere kuko namwe mufite uruhare rukomeye mu iterambere ry’igihugu cyacu."

Ubuyobozi bw’Akarere bwashimiye abafatanyabikorwa, imiryango itegamiye kuri Leta n’abaturage muri rusange uburyo bakomeza gufatanya n’inzego z’ubuyobozi mu guteza imbere imibereho myiza y’abafite ubumuga, no kubaha amahirwe angana n’abandi mu burezi, umurimo n’imibereho rusange.

## URWEGO RUSHINZWE KUNGANIRA AKARERE MUBY’UMUTEKANO ( DASSO) 79 BASABWE KURANGWA N’IMYITWARIRE MYIZA MU KAZI



***Umuyobozi w’Akarere MUKANYIRIGIRA Judith  (Hagati) hamwe n’umuyobozi wa RIB mu karere (Ibumoso) ndetse n’umuhuzabikorwa wa DASSO ( Iburyo) n’aba DASSO bashya batangiye imirimo yabo.***

Aba DASSO  bashya 79 binjiye mu nshingano zo gufasha Akarere  mu kubungabunga umutekano, isuku n’iterambere ry’abaturage.
Aba DASSO bakiriwe n’Umuyobozi w’Akarere ka Rulindo, Madamu Mukanyirigira Judith, ari kumwe n’Umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere, Bwana Kanobana Girbert, mu muhango wabereye ku biro by’Akarere.

Mu butumwa yagejeje kuri aba DASSO bashya, Umuyobozi w’Akarere yabasabye gukora inshingano zabo babigiranye ubushishozi, umurava n’ikinyabupfura, hubahirizwa discipline mu kazi, bakagira uruhare rufatika mu gufasha abaturage kugera ku iterambere rirambye.

Yagize ati “Inshingano mugiye gutangira zirakomeye kandi zisaba gukorana umurava, kubahiriza discipline mu kazi no gukorera abaturage mubaha agaciro.

Murasabwa kuba abafatanyabikorwa b’ingenzi mu kwimakaza isuku n’iterambere mu midugudu yose.”
Ku ruhande rwe, Bwana Kanobana Girbert, Umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere ka Rulindo, yashimye aba DASSO bashya ku ntambwe bateye, abasaba gukomeza gukorera hamwe no kubahiriza amabwiriza abagenga mu rwego rwo kuzuza inshingano zabo neza.

Yongeyeho ko kwinjira muri DASSO bisobanuye kwiyemeza gukorera igihugu n’abaturage, bityo bakaba bagomba guharanira kuba icyitegererezo cy’imyitwarire myiza n’umurimo unoze.

kunguka aba DASSO bashya bizongera imbaraga mu bikorwa byo kubungabunga umutekano, isuku n’imibereho myiza y’abaturage mu Karere ka Rulindo.

## RULIND: ABAKEKWAHO GUKUBITA NO GUKOMERETSA BABURANISHIRIJWE MU RUHAME



*UMUCAMANZA MUKAMUHIRE Pascasie yaburanishije abajuririye urukiko rwisumbuye rwa Gicumbi.*

Tariki ya 17 Ukuboza 2025, Urukiko Rukuru rwaburanishije mu ruhame abantu 10 bakekwaho ibyaha byo gukubita no gukomeretsa, mu rubanza rwabereye mu Karere ka Rulindo hagamijwe kwegereza ubutabera abaturage no kubigisha amategeko.
Uru rubanza rwayobowe na Madamu Mukamuhire Pascasie afatanyije n'abandi bayobozi b'urukiko, aho ababuranyi bari barajuririye imyanzuro y'Urukiko rw'Isumbuye rwa Gicumbi. Mbere y'iburanisha, abaturage bahawe ikiganiro ku gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko.

Ubushinjacyaha n'ababuranyi bagaragaje impamvu z'impande zombi, mu gihe urukiko rwatangaje ko ruzafata umwanzuro rushingiye ku mategeko n'ibimenyetso byatanzwe.

Abaturage bitabiriye uru rubanza bashimye gahunda yo kuburanisha mu ruhame, bavuga ko ibafasha gusobanukirwa amategeko n'akamaro ko kwirinda urugomo no gukemura amakimbirane mu mahoro.



*Abaturage bitabiriye iburanisha*

Ababuranyi baburanishijwe ni abantu icumi (10), barimo batandatu (6) bari baturutse mu Igororero rya Gicumbi, ndetse n'abandi bane (4) baburanaga badafunze (baburana bataha). Bose bari barajuririye Urukiko Rukuru ku myanzuro yari yafashwe n'Urukiko rw'Isumbuye rwa Gicumbi, ku byaha byo gukubita no gukomeretsa ndetse no guhoza ku nkeke.



*Ababuranyi bakurikiranyweho ibyaha byo gukubita no gukomeretsa*

## RULINDO: SENATERI HON. NKUBANA ALPHONSE HAMWE N'UMUYOBOZI W'AKARERE BASABYE ABATURAGE KWITA KU ISUKU.



*Hon.senateri NKUBANA Alphonse aganira n'abaturage b'umurenge wa Masoro*

Tariki ya 16 Ukuboza 2025, Senateri Hon. Nkubana Alphonse ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith ndetse n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu RUGERINYANGE Theoneste bitabiriye Inteko y'Abaturage yabereye mu murenge wa Masoro.

Muri iyi nteko y'Abaturage Hon Senateri Nkubana Alphonse yagarutse kubukangurambaga bw'Isuku asaba abaturage kwimakaza isuku haba ku mubiri,aho batuye ndetse n'ahandi hose

Hon Senateri Nkubana Alphonse Mbere yo kuganira n'abaturage mu nteko yari yabanje gusura ahacukurwa amabuye y'agaciro muri Rutongo Mine, iherereye mu murenge wa Masoro mu rwego rwo kureba uko ubucukuzi bukorwa n'imibereho y'ababukora.

Nyuma yo kuganira n'abakora ubucukuzi muri Rutongo Mine Senateri Nkubana yashimangiye ko ubucukuzi bugomba gukorwa hubahirizwa amategeko kandi bugateza imbere imibereho y'ababukora n'igihugu muri rusange.

Yasabye inzego zose gukomeza gufatanya mu kurwanya ubucukuzi butemewe, avuga ko bugira ingaruka mbi ku mutekano, ku bidukikije no ku bukungu.

Ku ruhande rw'Akarere, Madam Mukanyirigira Judith yashimiye Senateri ku ruzinduko n'inama zatanzwe, agaragaza ko Akarere ka Rulindo gakomeje gushyira imbaraga mu guteza imbere ubucukuzi bwemewe no kurwanya ubucukuzi butemewe.



*MUKANYIRIGIRA Judith Umuyobozi w'Akarere aganira n'Abaturage bo mu murenge wa Masoro*

.

## RULIND: ABAKOZI B'AKARERE N'ABAHAGARARIYE IBIGO BYA LETA BAHAWE IKIGANIRO KURI "NDI UMUNYARWANDA



*MUTAGANDA Theophile Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'Abaturage.*

Abakozi bakorera ku biro by'Akarere ka Rulindo n'abahagarariye ibigo bya Leta bikorera mu Karere bahawe ikiganiro ku gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", kigamije gukomeza kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa mu Banyarwanda.
Iki kiganiro cyatanzwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Bwana Mutaganda Theophile, aho yasobanuriye abakitabiriye akamaro ko gusigasira Ubunyarwanda no kurwanya amacakubiri.
Bimwe mu byaganiriweho birimo incamake y'amateka y'u Rwanda mbere y'ubukoloni, isenyuka ry'Ubunyarwanda mu gihe cy'ubukoloni na nyuma yabwo, Jenoside yakorewe Abatutsi n'ingaruka zayo, ndetse n'ibyakozwe mu gusubiza agaciro Ubunyarwanda.



*Abakozi b'Akarere n'abahagarariye ibigo bitandukanye bikorera mu karere bahawe ikiganiro kuri Ndi Umunyarwanda.*

Abitabiriye kandi basobanuriwe icyo gahunda ya Ndi Umunyarwanda ari cyo, intego zayo n'inkingi ziyigize, banaganira ku nzitizi zikigaragara zibangamiye Ubunyarwanda mu muryango nyarwanda.
Muri iki kiganiro, abitabiriye bakoze no mu matsinda, basuzuma ibyagezweho mu Karere ka Rulindo mu kwimakaza Ubunyarwanda n'ingamba zigomba gufatwa mu kubisigasira no kubishimangira.
Abari bitabiriye bagaragaje ko iki kiganiro cyabafashije kongera gusobanukirwa amateka y'igihugu, inshingano zabo mu kubaka ubumwe n'ubudaheranwa, ndetse no gukomeza guharanira indangagaciro z'Ubunyarwanda mu kazi kabo ka buri munsi

## RULIND: ABARIMU BASABWE KUNOZA IMYIGISHIRIZE NO GUFATANYA GUTEZA IMBERE UBUREZI.



*MUKANYIRIGIRA Judith umuyobozi w'Akarere (hagati) hamwe n'abandi bayobozi batandukanye ndetse n'abarimu bakorera mu murenge wa Buyoga.*

Ibi byagarutsweho tariki ya 12 Ukuboza 2025, mu birori byo kwizuhiza umunsi Mpuzamahanga wa mwarimu wizihirijwe mu murenge wa Buyoga.
Ibirori byo kwizihiza uyu munsi byari byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKANYIRIGIRA Judith hamwe n'abandi bayobozi batandukanye barimo abafatanyabikorwa mu burezi ndetse n'abarimu bakorera mu murenge wa Buyoga ku nsanganyamatsiko igira iti: kunoza umwuga wo kwigisha nk'umwuga ushingiye ku bufatanye."
Umuyobozi w'Akarere MUKANYIRIGIRA Judith yashimangiye ko uburezi budashobora kugera ku ntego zabwo hatariho imikoranire ihamye hagati y'abarimu, abanyeshuri, ababyeyi, ubuyobozi bw'amashuri, inzego z'ibanze n'abafatanyabikorwa mu burezi.
Mu birori byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wa mwarimu Hagarutswe ku kamaro ko guhindura imyigishirize hongerwa amahugurwa mu kazi, ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'uburyo bushya bufasha umunyeshuri gutekereza, gukora no guhanga udushya.

Umuyobozi w'Akaree yanagarutse ku nzitizi zikigaragara mu burezi nk'uko byagaragajwe muri raporo ya Citizen Report Card (CRC-2025) yakozwe na RGB, avuga ko hakwiye ubufatanye bw'ababyeyi mugukemura ibibazo ibibazo bikigaragara mu burezi.
Umuyobozi w'Akarere yy'umwihariko,yashimiye abarimu ku ntambwe yatewe mu mitsindire y'ibizamini bya Leta, aho Akarere ka Rulindo kahize utundi mu byiciro bitandukanye birimo S6, S3 na P6, ariko abasaba gukomeza kongera imbaraga mu kazi kabo hagamijwe gufasha abana bose gutsinda neza.
Umuyobozi w'Akarere yasabye abarimu gukomeza gutoza abana indangagaciro z'umuco nyarwanda, ubupfura n'ubunyamwuga, mu nyungu z'igihugu n'ejo hazaza h'abana.

Kwizihiza umunsi mpuzamahanga wa Mwarimu mu karere ka Rulindo wabaye umwanya wo kongera gushimira no guha agaciro uruhare rukomeye rwamwarimu mu kubaka igihugu gishingiye ku burezi bufite ireme.